REPUBLIKA Y'U RWANDA

IKIGO GISHINZWE IMICUNGIRE
N'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA MU RWANDA
P.O Box 433 KIGALI

ITANGAZO

Ashingiye ku ngingo ya 20 y'itegeko nº 43/2013 yo Ku wa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda ivuga ko kwandikisha ubutaka ku muntu wese ubutunze ari itegeko,

Ashingiye kandi ku itangazo ryo ku wa 16/01/2020 ryamenyeshaga abantu bose bafite ubutaka bwabo batarandikisha ko babikora mu gihe kitarengeje amezi 6 uhereye igihe itangazo ryasohokeye, ni ukuvuga kugeza ku wa **30/06/2020** bitaba ibyo ubutaka butandikishijwe na ba nyirabwo bugafatwa nk'imitungo itagira bene yo bityo bukabarurwa kuri Leta.

Umuyobozi mukuru w'Ikigo Gishinzwe Imicungire n'Imikoreshereze y'Ubutaka mu Rwanda ashingiye ku mpinduka zabaye mu mitangire ya serivisi z'ubutaka hagamijwe kwirinda **icyorezo cya Covid-19**, ashingiye kandi ku busabe bwa benshi bagiye bagaragaza imbogamizi bahuye nazo mu kuzuza ibisabwa ngo bandikishe ubutaka bwabo bitewe n'impamvu zitandukanye, anejejwe no kumenyesha abantu bose batashoboye kwandikisha mu gihe cyari giteganyijwe ko bongerewe igihe cyo kwandikisha kugeza ku wa **30/12/2020.**

Bikorewe i Kigali ku wa 08/05/2020

MUKAMANA Espérance

Umuyobozi Mukuru/Umubitsi mukuru w'Impapurompamo z'Ubutaka

Scanned by CamScanner